Iyi niyo migambi mishya muri Bergen

Imigambi mishya, mu mategeko mashya yo mu karere ka Bergen kugeza tariki 23 Ugushyingo

Bergen 6 Ugushyingo
Izi ngamba zikomeye zigiye ubu gutangizwa, ni bimwe mu bindi, bizatuma amashuri y'incuke n'amashuri y'abana akomeza gufungura kandi abana n'urubyiruko bakarengerwa. Njyanama y'Umujyi yahisemo kuguma ku ibara ry'umuhondo ku rwego rw'ibiza. Ibi birareba kandi amashuri yisumbuye y'umujyi. Ni biba ngombwa, amashuri yisumbuye yiteguye kwimuka kurwego rutukura.

Umubare w'abantu bashobora guhurira hamwe

- Umubare w'abantu bashobora gusurana no kuba hamwe uragabanijwe kuva ku icumi ugashyirwa kuri batanu ushyizemo abo mu muryango. Umuryango ufite abantu barenze batanu, cg abana bakinana (kohorter) mu mashuri y'incuke n'ay'abana, iri tegeko ntiribareba. Mu miryango yahukanye ihujwe n'abana, ubusugire bw'umwana nibwo buza imbere.
- Ahandi hakorerwa amakoraniro akorerwa ahantu rusange hagomba kuba hari intebe zicarwaho kandi ntibyemewe ko hahurirwa abarenze 20 icyarimwe. Ibi bireba amateraniro y'abantu bwite kimwe n'amateraniro rusange ahahurirwa rusange. Mu gihe cyo gushyingura umubare w'ababyitabiriye ntukarenge 50.

Igabanywa ry'ibikorwa bitangwa Reduserte aktivitetstilbud

- Imikino rusange n'imyidagaduro ku bantu bakuze barengeje imyaka 20 birabujijwe.
- Imyitozo ngororamubiri, mu ngoro za siporo, ibidendezi byo koga kimwe n'ibikorwa bisa nabyo bigomba guhagarikwa. Ibitegetswe aha ntibireba imyitozo ngororamubiri y'umuntu kugiti cye. Ibiteganijwe ku byumba bya siporo n'ibidendezi byo kogeramo ntibireba imyitozo ihagarikiwe ikorerwa abana n'urubyiruko cyangwa ijyanye no kwigisha abana n'urubyiruko ruri munsi yimyaka 20.
- Imyitozo y'abana n'urubyiruko bari munsi y'imyaka 20 ishobora gukorwa, ariko ibirori nk'imikino, ihiganirwa ry'ibikombe, amarushanwa n'ibindi nkibyo ntibyemewe.
- Inzu za Bingo, inzu ndangamurage n'ibindi bisa nabyo bigomba gufungwa.
- Ibikorwa byo mu masomero no kwicara muri aya mazu birafunzwe, ariko kuza utira ibitabo cyangwa ubitirura biremewe.

Guhaha mu maduka no mu masoko ya kijyambere

Mu maduka, amasoko y'ubucuruzi n'ibindi nk'ibyo ni ngombwa kwemeza ko nta bantu barenze ngo intera ya metero ebyiri ibe itakubahirizwa. Umubare wemewe w'abakiriya mu byumba ubarwa ukurikije ubunini bw'icyumba. Bibaye ngombwa, hazabaho abashinzwe umutekano bemeza ko ibisabwa byubahirijwe.

Itegeko ryo kwambara agapfukamumwa

- Ku bijyanye n'agapfukamunwa, amategeko yako akomeje kubahirizwa. Kandi hakomeze kubahiriza kwambara agapfukamunwa neza mu gihe ukora urugendo mu kinyabiziga rusange, uri mu nzu z'ahahurirwa rusange (mu maduka, mu bigo by'ubucuruzi n'ibisa n'ibi) mu gihe abantu badashobora guhagararara basize intera ya metero 2 hagati yabo. Kandi ni ngombwa ko muri taxi umushoferi n'abo atwaye bambara agapfukamunwa.

- Mu tubari, resitora, mu bunywero, inzu z'uburiro n'ahandi hasa n'aho batangira amafunguro, agapfukamunwa kagomba kwambarwa iyo urimo ugenda imbere mu buriro kandi hagati y'abantu hadashobora gusigwamo metero 2.

Gufunga kare aho bagurisha ibifungurwa

Utubari, amaresitora, kafer, cyangwa hose banywera cg bafungurira bagomba gufunga imiryango bitarenze saa yine z'ijoro. Guseriva cg gutanga ibinyobwa(gupima) bihagarikwa guhera saa 21:30. Aya mategeko ntareba aho bagura ibiryo bakabitaha/bakabipfunyika (take -away).

Ofisi zo mu rugo n'amashuri

- Abantu bakorera mu biro bakanguriwe gukorera mu ngo kuri buri wese ubishoboye
- Amabwiriza y'uko bibujijwe gusura ibigo nderabuzima bya komini, n'ibigo byose komini ifitanye amasezerano nabyo azakomeza gukurikizwa.
- Ni itegeko gutanga amasomo hifashishijwe mudasobwa(ikoranabuhanga) ku mashuri makuru naza kaminuza.
- Urwego rutukura ku kigero k'ibiza n'itangirwa ry'amasomo mu ngo ku mashuri yisumbuye.

Aya mabwiriza azashyirwa mu ngiro kuva ku wa gatandatu tariki 7 ugushyingo. Mu ntangiriro azubahirizwa kugeza ku wa mbere tariki 23 Ugushyingo. Aya mabwiriza kandi areba na komini zihana imbibi na komini ya Bergen.

Gabanya abo mugendana

- Mu byumweru biri imbere, tugomba kuguma murugo no kugabanya umubare w'abo duhura. Umuntu wese ubishoboye agomba kandi kwirinda ingendo zikoreshwa ibinyabiziga rusange. Irinde kandi ingendo z'imbere mu gihugu iyo zidakenewe. Ingendo z'akazi zirimo n'izo ku mazu yacu y' imyidagaduro zishobora gukorwa mu gihe uba utajyana n'abandi.
- Abavandimwe bose barasabwa cyane kudasura abatuye mu bigo by'abageze mu zabukuru muri komine ya Bergen mu gihe cy'minsi 14 iri imbere. Iki cyifuzo ntigikurikizwa igihe usura umuntu uri mu bihe bya nyuma by'ubuzima.